IJAMBO RYA NYAKUBAHWA Madame Jeannette KAGAME MU MUHANGO WO GUTANGA IMPAMYABUSHOBOZI KU RUBYIRUKO MURI GAHUNDA-Akazi Kanoze Project .

KU WA 02/10/2012

Nyakubahwa Ministre w'Uburezi,

Nyakubahwa Muyobozi wa WDA,

Mission Director USAID,

EDC Chief of Party,

Banyacyubahiro mwese muri hano,

Rubyiruko Bana bacu,

Mbanje kubaramutsa.

Nagira ngo mbashimire kuba mwarifuje ko mba ndikumwe namwe muri uyu muhango wo kwizihiza urubyiruko rwacu, rumaze guhabwa ubumenyi mu guhanga no kunoza umurimo.

Iyi gahunda ni imwe mu zo igihugu cyacu gikangurira Abanyarwanda twese, kugirango tubashe kwiteza imbere. Ni akarusho rero kuba harabayeho umwihariko ku rubyiruko, kuko ari kimwe mu bisubizo by'ibibazo ruhura nabyo, iyo rugeze ku isoko ry'umurimo.

Dushimire cyane abatekereje uyu mushinga bakanawushyira mu bikorwa, babinyujije mu "*Akazi Kanoze project*".

"I would like to take this time to acknowledge and recognize the Government of America for contributing to the development of our young people in Rwanda. Thank you for working with us to improve the livelihoods of Rwandans".

Rubyiruko mwahawe impamyabushobozi uyu munsi, abari hano twese turabashimiye.

Kuba mwarahawe amahugurwa yo kwaguka mu bumenyi n'imitekerereze *(personal development)*, kuganira no gutega amatwi abandi *(interpersonal communication),* imyitwarire mu kazi, ubuyobozi, guhagarara neza mu by'amafaranga (Finance fitness), uburyo bwo kwikorera, n'ibindi byiyongera ku masomo y'imyuga mwabonye, sinshidikanya ko mwahawe impamba ihagije (***comprehensive package***).

Nka ka kabando k'iminsi mu Kinyarwanda dukunze kuvuga, iyi mpamba nayo yagereranywa n' "***Akabando ka business"!*** muhawe. Kakazatuma mubasha gukora neza, kunguka ndetse no kwizigamira, bituma imirimo yanyu ikomeza kubaho no kubabyarira umusaruro.

Akazi Kanoze kabahaye ubumenyi n'ubushobozi by'ingenzi bizatuma muhindura imibereho yanyu. Harageze rero ko muba urugero rwo kwerekana ko gukora umurimo neza kandi ukawunoza, waba uwo wihangiye cyangwa abo ukorera, bishoboka ./

Bafatanyabikorwa b'Akazi Kanoze Project, uruhare mwagize mu kwigisha uru rubyiruko ntirugereranwa. Kubona buri mujeune yarabonye ubumenyi butandukanye, hifashishijwe ibigo n'abafatanyabikorwa benshi banyuranye, bigaragaza ireme (quality) ry'iyi gahunda n'ubushake buri wese yayishyizemo.

Ku bufatanye rero n'iyi gahunda, mwafashije igihugu cyacu kubumba inkingi ikomeye, ari rwo rubyiruko mureba ahangaha, kandi muzabikomeze. Turabashimiye cyane.

Dushimire kandi Abikorera ku giti cyabo, uburyo badahwema gufatanya na leta gushaka ibisubizo by'Abanyarwanda. Bambwiye ko mwiyemeje kuzafata abarenga 30% b'urubyiruko rurangije gahunda y'Akazi Kanoze uyu munsi. Nagira ngo mbashimire ubwo bushake mufite, kandi ntimuzatinda kubona impinduka mu byo mukora, kubera aya maraso mashya yuzuye ubumenyi n'ubuhanga.

Banyacyubahiro muri hano, munyemerere nshimire n'abandi bose bafite uruhare rwo guteza imbere urubyiruko rw'u Rwanda. Twongere kandi dushimire ibihugu by'incuti bidahwema kudutera inkunga mu iterambere twiyemeje.

Ngarutse rero ku rubyiruko rwaduteranirije hano, nagirango munyemerere ngire ibyo mbasaba mukwiriye gutekereza kenshi, byunganira ubumenyi mwahawe, bikazabafasha muri uru rugendo rwo kwiteza imbere mwiyemeje:

- Mwihe intego kandi muhore mwisuzuma, buri muntu ku giti cye, mutibeshya kandi mutiraririye. Biragora ku muntu kwemera aho afite intege nke
- Muhorane akarusho kandi mwite rwose ku babagana mwerekane ko "***customer care"*** ishoboka mu Rwanda! Uza areba ibyo mukora, abone koko ko mwigishijwe kunoza umurimo wanyu.

- Bana bacu, mu Kinyarwanda baravuga ngo ***"Uwitonze akama ishashi***"! Mwirinde inzira zidasobanutse zo gushaka imibereho n'amafaranga. Nimutangirire ku rwego rucirirtse, n'ubwo ibikorwa byanyu bitakwihuta cyane, ariko bizabageza aho muzishimira imirimo mwakoze n'urwego mugezeho. /
- Guhindura imyumvire mi bijyanye no gusaba inguzanyo! Urubyiruko rukunze kwitinya kuko rutekereza ko nta ngwate! Nyamara hari uburyo bwinshi bwabashyiriwe bwabafasha gusaba inguzanyo harimo ibigega BDC (Business Development Center), Umurenge SACCO yahujwe na CODJAD, banki zitandukanye ndetse n'izindi gahunda leta yashyizeho zo guteza imbere guhanga umurimo.
- Nk'uko mu kinyarwanda babivuga "***Abishyize hamwe ntakibananira***". Kwegera abandi no kwishyira hamwe bizabafasha kurushaho kwiteza imbere. Mushobora gutangirira ku matsinda mato, yabageza ku rwego rwa za koperative. Kandi nangira ngo mbasabe kwibuka gushyiramo urundi rubyiruko rutagize amahirwe yo kubona aya mahugurwa kugira ngo nabo mubasangize ubu bumenyi ndetse n'ubushobozi(income) buzageraho.
- Mwibuke kugisha inama abafite ubunararibonye muri business, abikorera ku giti cyabo kugirango imbogamizi muhuye nazo muzibonere ibisubizo kandi muzigireho.
- Mutekereze uburyo bwo kwamamaza ibyo mukora no kubishakira amasoko.
- Gukora ingendo-shuri zibafasha kwigira ku bandi haba mu gihugu cyacu, mu karere turimo no ku isi; mujya mwumva bavuga ngo "***akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze"!*** Kwiga ni

uguhozaho mujye muhorana inyota yo kumenya aharenze aho mugejeje.

*A*bari hano twese turababonamo ubushake n'ubushobozi bwo kuvamo indashyikirwa. Muhore mwibuka ko muri inkingi u Rwanda rushingiyeho, izarufasha gukomeza kubungabunga umurage w'ubukungu twiyemeje mu rugendo rwo gukomeza kwihesha agaciro.
Ndabashimiye mwese, mugire amahoro.